REPUBULIKA Y'U RWANDA

URWEGO RW'UMUVUNYI

Kigali, 07 JUL 2017

ITANGAZO

N°.OMB/1002/07.17/NJP

Bitewe n'abantu bamaze iminsi biyitirira Urwego rw'Umuvunyi basaba abaturage amafaranga ya ruswa, bababwira ko ari uburyo bwo kwihutisha ibibazo byabo barushyikirije, Urwego rw'Umuvunyi ruramenyesha umuntu uwo ari we wese wagizweho ingaruka n'ibikorwa by'abiyitirira Urwego rw'Umuvunyi, uwasabwe cyangwa uwasabwa amafaranga cyangwa undi wese ufite amakuru, kubimenyesha Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo ibibazo bye bikurikiranwe.

By'umwihariko, Urwego rw'Umuvunyi ruramenyesha ko hari umuntu wiyita NDUWIMANA André (kuko nta cyangombwa afite) uvuga ko ari umwunganizi mu mategeko, waka abaturage amafaranga ababeshya ko abakurikiranira ibibazo ku Rwego rw'Umuvunyi bijyanye n'imanza zisubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

Urwego rurakangurira Abaturarwanda ko bakwiye guca ukubiri n'umuco wo gutanga ruswa no kwirinda kohereza umuntu batazi amafaranga bakoresheje telefoni. Bakwiye kandi kumenya ko Urwego rw'Umuvunyi rudakoresha abakomisiyoneri bahuza abakozi b'Urwego n'abaturage.Ayo mafaranga asaba ababwira ko ayishyura abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi.

Uwasabwe cyangwa uwasabwa amafaranga cyangwa undi wese ufite amakuru, yabimenyesha Urwego rw'Umuvunyi kuri izi nomero: **0785647391** na **0785647392.**

Kigali, kuwa 7/7/2017

NKURUNZIZA Jean Pierre

Umuvugizi w'Urwego rw'Umuvunyi

BP 6269 KIGALI, Tel (250) 587308/09, Fax 587182,Website: www.ombudsman.gov.rw
Email: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw.
Telefoni itishyurwa:199